**UMURYANGO**
**W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-13-38

Itariki: 16 Gicurasi 2026

Umwimerere: Icyongereza

**PEREZIDA WA IRMCT**

| | |
|---|---|
| **Umucamanza:** | **Graciela Gatti Santana, Perezida** |
| **Gerefiye:** | **Abubacarr M. Tambadou** |
| **Itariki:** | **16 Gicurasi 2026** |

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

**ITEGEKO RISHYIRAHO UMUCAMANZA WO GUKORA IPERERERZA**

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE, GRACIELA GATTI SANTANA,** Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**MAZE KUBONA KO** Félicien Kabuga ("Kabuga") yafungiwe muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye ("UNDU") i Lahe, mu Buholandi ("U Buholandi"), akurikiranyweho icyaha cya jenoside, guhamagarira abantu, mu buryo butaziguye kandi mu ruhame, gukora jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside ndetse n'itoteza, itsembatsemba n'ubuhotozi nk'ibyaha byibasiye inyokomuntu[1];

**MAZE KUBONA KO,** ku itariki ya 8 Nzeri 2023, urubanza rwa Kabuga rwasubitswe mu gihe kitazwi hashingiwe ku Cyemezo kigumishaho icy'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kivuga ko ubuzima bwe butatuma akomeza kuburanishwa kandi bishoboka cyane ko atazongera kugira ubwo bushobozi[2];

**MAZE KUBONA KO** Gerefiye wa IRMCT ("Gerefiye") yamenyesheje ko uyu munsi Kabuga yapfiriye muri UNDU aho yari afungiwe;

**MAZE KUBONA KO** Ingingo ya 50(3) y'Amategeko agenga ifungwa[3] iteganya ko Perezida ashobora gutegeka ko IRMCT ikora iperereza ku buryo umufungwa yapfuye;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 50(3) y'Amategeko agenga ifungwa;

**NSHYIZEHO** Umucamanza Alphons Orie kugira ngo akore iperereza ku buryo Kabuga yapfuye aho yari afungiwe muri UNDU maze angezeho, mu buryo butaziguye ndetse vuba bishoboka, raporo y'ibyavuye muri iryo perereza; kandi

**NTEGETSE** Gerefiye gutanga ubufasha, ubwo ari bwo bwose, Umucamanza Orie akeneye muri iryo perereza.

---

[1] *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-T, Icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi, 8 Nzeri 2023 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023"), paje ya 5; *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-PT, Inyandiko y'ibirego yahinduwe bwa kabiri yatanzwe na Porokireri, 1 Werurwe 2021 (Inyandiko itari ibanga ifite Umugereka utari ibanga n'undi w'ibanga); *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-I, Icyemezo ku Cyifuzo cya Félicien Kabuga gisaba ko Urwandiko rwo kumufata n'Itegeko ryo kumwimura bihindurwa, 21 Ukwakira 2020, igika cya 18.

[2] Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023, paje ya 5. Reba *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-AR80.3, Icyemezo ku bujurire ku Kindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 7 Kanama 2023, ibika 48, 74-76, 79.

[3] Amategeko agenga ifungwa ry'abantu bategereje kuburanishwa na IRMCT mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire, cyangwa bafunzwe ku itegeko ry'urwo Rwego, nk'uko yemejwe ku itariki ya 5 Ugushyingo 2018 ("Amategeko agenga ifungwa").



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 16 Gicurasi 2026,
Arusha, muri Tanzania.

**[Umukono]**

Graciela Gatti Santana
Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT